# AMASENGESHO YA NIMUGOROBA

## a) Uburyo bwa mbere

*****_Ikimenyetso cy'Umusaraba_: Ku izina ry'Imana + Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amen.

*****_Mana yanjye ndemera ko uri hano undeba_, ndagusenga ngukunze rwose, ndagushimira yuko wandemye, ukanshunguza umwana wawe ukunda ukangira umukristu, ndagushimira ingabire uhora umpa, n'uko wandinze uyu munsi.

*****_Amategeko y'Imana_:

1. Urajye usenga Imana imwe gusa, uzabe ari yo ukunda gusa.
2. Ntuzarahire izina ry'Imana ku busa cyangwa mu binyoma.
3. Urajye utunganya umunsi w'Imana.
4. Urajye wubaha ababyeyi bawe.
5. Ntuzice.
6. Ntuzasambane.
7. Ntuzibe.
8. Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abanda.
9. Ntuzifuze umugore w'undi.
10. Ntuzifuze kwiba cyangwa kwangiza iby'abandi.

* _Amategeko ya Kiliziya_:

1. Urajye utunganya iminsi mikuru yategetswe na Kiliziya.
2. Urajye uza mu Misa ku cyumweru no kuri iyo minsi mikuru yategetswe.
3. Urajye uhabwa Isakramentu rya Penetensiya uko umwaka utashye.
4. Urajye uhabwa Ukaristiya mu gihe cya Pasika.
5. Urajye usiba ku minsi yategetswe.
6. Urajye wibabaza nk'uko Kiliziya Ibikubwiriza.
7. Urajye utanga imfashanyo ya Kiliziya.

Mana yanjye, umfashe nibuke ibyaha nakoze uyu munsi, mbone ububyicuza. (Nimucyo twibuke ibyaha twakoze uyu munsi…)

*****_Isengesho ryo kwicuza ibyaha:_ Nyagasani, ibyaha nakugiriye byose ndabyanze, kuko binteranya nawe, bikadutandukanya ari Wowe untunga ukandengera iteka, kandi ndabyangira yuko ari byo bicishije Yezu Kristu, Umwana wawe ukunda. Dawe ubinkize sinshaka kubisubira, ndashaka kuba uwawe. Amen.

*****_Nyagasani Nyi'Impuhwe_, Kiliziya yawe uyihe ihirwe; abo muri iki gihugu bose, n'abacu, n'abatugirira neza; ndetse n'abatwanga ubakize, abadutegeka bose ubarinde, Abanyarwanda batakuzi ubahe kukwemera, abahakanyi n'abanyabyaha bakuyoboke, abatunganye ubakomeze, abari mu rugendo ubasohoze ubuhoro, aboro n'indushyi ubatunge, ababaye n'abagiye gupfa ubakize; maze abapfuye bakiri mu isukuriro ubacyure iwawe, nanjye undinde muri iri joro n'igihe nzapfira nzapfe nkwizera. Amen.

* *Dawe uri mu ijuru…*
* *Ndakuramutsa Mariya…*
* *Nemera Imana Data…*
* *Isengesho ryo kwemera…*
* *Isengesho ryo kwizera…*
* *Isengesho ryo gukunda…*
* *Indamutso ya Malayika…*

(*Igihe cya Pasika bavuga Mwamikazi wo mu ijuru…*)

* *Bikira Mariya Nyir'impuhwe…*

*****Isengesho ryo kuryama*: Mana yanjye, ubu ngiye kuryama, ndakwizigiye ngo undinde muri joro noye kukugirira icyaha, nawe Mubikira Mutagatifu, nawe Malayika murinzi wanjye, nawe Bazina Mutagatifu, mundinde muri iri joro. Amen.

* *Ikimenyetso cy'Umusaraba*: Ku izina ry'Imana + Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amen.

## b) Uburyo bwa kabiri

*** *Intangiriro*:**
Mana ngwino unyikirize + Nyagasani banguka undengere.
Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk'uko bisanzwe iteka, bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amen.
Alleluya *(usibye mu Gisibo).*

*** *Indirimbo*:**
D 54 Cyangwa X 4, X 6, X 13

*** *Igisingizo cya Kristu : Abanyakolosi 1, 12-20***

*Nimunezerwe kandi mushimire Imana Data watumye mugira umugabane ku murage w'abatagatifujwe bari mu mucyo. Koko rero, yatugobotoye ku ngoyi y'umwijima, atujyana mu Ngoma y'Umwana we akunda byimazeyo, ari na We dukesha gucungurwa no kubabarirwa ibyaha.*

*Ni We shusho ry'Imana itagaragara,*
*Umuvukambere mu byitwa ikiremwa cyose,*
*kuko byose byaremwe muri We,*
*ari ibiri mu ijuru, ari n'ibiri ku isi.*
*Ibigaragara n'ibitagaragara,*
*Ibinyabubasha n'Inganji, Ibikomangoma n'Ibihangange :*
*byose byaremwe na We, kandi ni we byaremewe ;*
*yariho mbere ya byose,*
*kandi byose bibeshwaho na We.*

*Ni We kandi Mutwe w'umubiri, ari wo Kiliziya,*

*akaba n'Ishingiro, n'Umuvukambere mu bapfuye,*
*kugira ngo ahorane muri byose umwanya w'ibanze;*
*kuko Imana yizihijwe no kumusenderezamo ibyiza byose,*
*kandi muri We yiyunga n'ibiriho byose,*
*ndetse ari We ibigirira,*
*ari ibiri ku isi, ari n'ibiri mu ijuru,*
*byose ibisakazaho amahoro*
*aturutse ku maraso ye yameneye ku musaraba.*

- *Inyikirizo :* Habwa ikuzo Nyagasani, icyubahiro, ububasha n'ishema.

Cyangwa *Abanyefezi 1, 3-10*

*Nihasingizwe Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu,*
*Yo yadusakajemo imigisha y'amoko yose,*
*ituruka kuri Roho, mu ijuru, ku bwa Kristu.*
*Nguko uko yadutoreye muri We nyine,*
*mbere y'ihangwa ry'ibiriho byose,*
*kugira ngo tuzayihore imbere mu rukundo,*
*turi intungane n'abaziranenge.*
*Igena ityo mbere y'igihe,*
*ko tuzayibera abana yihitiyemo,*
*tubikesheje Yezu Kristu.*
*Uko ni ko yabyishakiye ku buntu bwayo,*
*kugira ngo izahore isingirizwa ingabire*
*yaduhereye ubuntu mu Mwana wayo w'Inkoramutima.*
*Ni We dukesha ugucunguzwa amaraso ye,*
*tukamuronkeramo imbabazi z'ibyaha byacu,*
*ku rugero rw'ubusendere bw'ineza yayo,*
*ikaba yarabudusesekajemo ibigiranye ubuhanga n'ubumenyi bwose.*
*Yaduhishuriye ibanga ry'ugushaka kwayo,*
*wa mugambi wuje urugwiro yari yifitemo kuva kera,*
*ngo izawuzuze ibihe bigeze :*
*umugambi wo gukoranyiriza ibintu byose*
*ku Mutware umwe rukumbi, Kristu,*
*ari ibiri mu ijuru, ari n'ibiri ku isi.*

- *Inyikirizo* : Uragasingizwa Mubyeyi wacu, Wowe
waduhereye umugisha muri Kristu.

**** Zaburi*:**

- *Inyikirizo*: Nihasingizwe izina rya Nyagasani,
ubu n'iteka ryose.

Zab 113 (112)

- *Inyikirizo*: Ubuvunyi n'ingabire bituruka kuri Uhoraho.

**** Isomo: 1 Petero 3, 8-9***

> *Ahasigaye, nimutekereze ibihuje, mugirirane impuhwe, mukundane urwa kivandimwe, mube abanyambabazi kandi mwicishe bugufi. Ntimukiture undi inabi yabagiriye, cyangwa ngo nabatuka mumusubize; ahubwo mwifurizanye umugisha, kuko ari cyo mwahamagariwe, kugira ngo muzahabwe umugisha ho umurage.*

- Igisubizo : "Nishyize mu biganza byawe, Nyagasani."
  - Ni wowe uducungura Nyagasani, Mana y'ukuri.
    "Nishyize mu biganza byawe Nyagasani."

**** Indirimbo ya Bikira Mariya : Lk 1, 47-55.***

- *Inyikirizo yo ku mibyizi* :
Uhoraho yangiriye ibintu by'agatangaza, izina rye ni ritagatifu.
- *Inyikirizo yo ku cyumweru* :
Ku mugoroba wa Pasika abigishwa bamenye Nyagasani, igihe yamanyuraga umugati.

"Umutima wanjye urasingiza Nyagasani,
kandi na roho yanjye ihimbajwe n'Imana Umukiza wanjye.
Kuko yibutse umuja we utavugwaga,
rwose, kuva ubu amasekuruza yose azanyita umuhire.
Umushoborabyose yankoreye ibitangaza,
Izina rye ni ritagatifu,
Impuhwe ze zisesekarizwa abamutinya bo mu bihe byose.
Yagaragaje ububasha bw'amaboko ye, atatanya abantu birata ;
Yahanantuye abakomeye abakura ku ntebe zabo,
maze akuza ab'intamenyekana ;
Abashonji yabagwirije ibintu, abakungu abasezerera amara mase.
Yagobotoye Israheli umugaragu we, bityo yibuka impuhwe ze,
nk'uko yari yarabibwiye abakurambere bacu, agirira Abrahamu n'urubyaro rwe iteka. "

**** Amasengesho yo gusaba :***

Dusabe Imana, Umubyeyi wacu, We ukunda abana be kandi ntiyirengagize amasezerano yabo, tumubwire twiyoroheje tuti "NYAGASANI UTWIYEGEREZE. "
- Mana y'urukundo, wowe wagiranye n'umuryango wawe isezerano ry'iteka, dufashe kwibuka ibitangaza byawe. Tubisabe Imana.

- Kiliziya yawe uyihe kujya mbere mu rukundo, kandi abakwemera ubakomeze mu bumwe no mu mahoro. Tubisabe Imana.

- Nyagasani, duhe kutakwirengagiza mu mktunganyirize y'iyi si, maze imigirire yacu ihuze n'ugushaka kwawe. Tubisabe Imana.

- Ohereza abakozi mu murima wawe, kugira ngo izina ryawe rimenyekane mu miryango yose. Tubisabe Imana.

- Abapfuye bahe kureba uruhanga rwawe, natwe uduhe kuzasangira na bo umunezero w'ubwiza bwawe. Tubisabe Imana.

*(Bashobora kongera andi).*

**** Dawe uri mu ijuru…***

**** Isengesho risoza :***

- *Ku mibyizi*:

Mana itumurikira, duhe gutsinda imitego y'umwanzi muri iri joro, maze mu gitondo tuzahimbarirwe imbere yawe, tugushimira muri Yezu Kristu Umwana wawe n'Umwami wacu. Amen.

- *Ku Cyumweru*:

Nyagasani, gumana natwe kuko bwije n'umunsi ukaba uciye ikibu ; susurutsa imitima yacu iyoboke inzira zawe, tuguhishure mu Byanditswe bitagatifu. Ibyo turabigusabye ku bwa Yezu Kristu, Umwana wawe n'Umwami wacu. Amen.

**** Umusozo :***

Imana iduhe umugisha + iturinde ikibi cyose, kandi izatugeze mu bugingo bw'iteka. Amen.

- Dusingize Nyagasani.
- Dushimiye Imana.

*(Byaba byiza kuvuga indamutso ya Malayika aya masengesho arangiye).*